



## PROJECT 1

### UMUSHINGA WO GUKWIRAKWIZA IBIGEGA BYO GUFATA AMAZI Y'IMVURA ATURUKA KU MAZU

Support for the Community-Based Natural Resource Management (CBNRM) Plan Kinigi Area, Rwanda project development plan: UMUSHINGA WO GUKWIRAKWIZA IBIGEGA BYO GUFATA AMAZI Y'IMVURA ATURUKA KU MAZU was provided by the:

CENTRAL AFRICAN REGIONAL PROGRAM FOR THE ENVIRONMENT (CARPE/USAID), VIRUNGA FOCAL AREA, DEMOCRATIC REPUBLIC OF CONGO AND RWANDA: a WWF led Consortium, including WCS, SNV and AWF, made possible with the generous support of the American People.



## **Umwirondoro wa nyir’umushinga**

### Izina rya nyir’umushinga:

Umurenge wa Gahunga

Akarere ka Burera

Intara y’Amajyaruguru

N° tél : 08893603, 08803139, 08493980, 03384150

## **Aho umushinga uzakorera**

Uyu mushinga uzakorera mu baturage batuye utugari tugize Umurenge wa Gahunga kuko uwo Murenge ukora kuri Pariki y’Ibirunga, mu majyaruguru y’u Rwanda, ari two Nyangwe, Gisizi, Buramba, Kidakama na Rwasa. Uwo Murenge wa Gahunga uherereye mu Karere ka Burera gahana imbibi n’Akarere ka Musanze mu burengerazuba, Rulindo mu majyepfo, Gicumbi :mu burasirazuba, hari n’ibirunga mu majyaruguru.

Ako karere kagizwe n’abaturage basaga ibihumbi Magana ane (400 000) muri bo abasaga 25 000 babarizwa mu Murenge wa Gahunga, mu tugari dutanu twavuzwe:

- Nyangwe : abaturage 5.867;
- Gisizi : abaturage 3.851;
- Buramba : abaturage 5.567;
- Kidakama : abaturage 6.104;
- Rwasa : abaturage 4.701.

Muri abo baturage, abagore basaga ibihumbi cumi na bitandatu (16 000) kandi nibo bagira ingaruka cyane ku ibura ry’amazi.

## **Gusesengura ikibazo**

Ikibazo gikomeye muri uwo Murenge wa Gahunga ni “IBURA RY’AMAZI”. icyo kibazo cy’amazi muri ako gace k’ibirunga giteye inkeke, kandi kigaragazwa cyane mu baturage no:

- Kugira isuku nke n’indwara zituruka ku mwanda bihitana abantu benshi batuye uwo murenge;
- Gukora ingendo ndende zo kujya gushaka amazi cyane cyane abinjira ishyamba ry’ibirunga bangiza ibirimo (inyamaswa, ibiti, ...)
- Isuri y’amazi ava ku mazu y’abaturage igihe imvura igwa cyane igatwara ibihingwa bihinze ndetse idasize n’abo baturage
- Imvune ku bagore n’abana dore ko byafashwe nk’umuco ko abana n’abagore ari bo bashaka amazi muri ako gace
- Gucikisha amashuri ku bana b’abakobwa n’abahungu batumwa n’iwabo amazi mu ishyamba bikabaviramo umwuga wo gushaka amazi aho kwiga

Ibyo byose biterwa ahanini na:

- Imiterere y’akarere katagaragaramo amasoko y’amazi.
- Umuyoboro wa Mutobo ya ruguru udakora kubera ko wangiritse cyane ariko nawo wabonekagamo amavomo atanu (5) mu murenge nayo adakora.

- Hejuru y'ibura ry'imiyoboro n'amazi ava ku mazu nta bigega uhasanga byafasha abo baturage kubona amazi.

Ni muri iyo mpamvu habonetse ibigega bifata amazi y'imvura :

- Indwara ziterwa n'isuku nke zagabanuka muri uwo murenge
- Abaturage nabo bavoma amazi hafi noneho bagakora indi mirimo ibateza imbere
- Abana bacikisha amashuri baziga neza kuko nta yindi mpamvu izongera kubabuza ishuri
- Nihubakwa ibigega bifata amazi, hehe n'isuri! Ubutaka butwarwa n'amazi ava kuri ayo mazu buzahingwa bubyazwe umusaruro utunga abaturage.

## **ICYO UMUSHINGA UGAMIJE**

**Intego rusange :** Ibidukikije na Pariki y'ibirunga birushijeho kubungabungwa

**Intego yihariye :** Abaturage b'umurenge wa Gahunga bakoresha ibigega bireka amazi y'imvura aho kujya kwangiza Pariki

## **IBIZAGERWAHO**

### **Igihe cya vuba**

Nyuma y'imyaka 3 ingo 500 zo mu murenge wa Gahunga zizaba zifite ibigega by'amazi : muri izo ngo, 30% ziyoborwa n'abagore; 10% ni iz'abana bibana; 20% zikaba iz'ababana n'ubwandu bwa SIDA

### **Igihe giciriritse**

- Imvune z'abagore n'abana zagabanutse
- Abana cyane cyane abakobwa bari barataye ishuri bariga
- Intonganya zo mu rugo zijyanye n'amazi zavuyeho
- Abajyaga muri Pariki bitwaza gushaka amazi barabiretse

### **Igihe kirekire**

Abagore n'abakobwa bungutse nibura igihe cy'amasaha ane ku muni bakoresha mu mirimo ibyara inyungu n'amashuri yabo.

## **IBIKORWA**

- Ubukangurambaga : Kuremesha inama mu baturage bagezwaho iby'umushinga w'ibigega.
- Guhitamo ingo ijana (100) zizubakwamo ibigega by'amazi muri buri kagari mu myaka 3.
- Kwegeranya ibikoresho by'ubwubatsi
- Kubaka ibigega by'amazi

Icyitonderwa : Igikorwa cy'ubwubatsi kizatangira m'Ugushyingo 2008 kirangire m'Ugushyingo 2011.

## IMBONERAHAMWE Y'IBIKORWA

Ibikorwa		Uzakurikirana ibikorwa	Igihe bizakorerwa												Aho bizakorerwa	ibizakenerwa		
			2008		2009				2010				2011					
			11	12	1	2	3	4	1	2	3	4	1	2			3	4
1	Ubukangurambaga	Komite komite y'ubudehe muri buri kagari	X	X													Utugari 5 tw'umurenge wa Gahunga	-
2	Guhitamo ahazubakwa (ingo 100 muri buri kagari buri mwaka) ibigega 100	Komite z'ubudehe mu tugari ku bufatanye n'umuterankunga			X					X				X			Utugari 5 tw'umurenge wa Gahunga	-
3	Kwegeranya ibikoresho by'ubwubatsi	Komite z'ubudehe mu tugari ku bufatanye n'umuterankunga				X				X				X			Utugari 5 tw'umurenge wa Gahunga	Ciment, umusenyi, amabuye, gravier, amazi, senyenge, ingunguru, amahema, robine, PVC, vannes, imireko, ibiringiti, udutimba, fer à béton, fil de fer, imyiko, bouchons, manchon, ingorofani, amasuka, ibitiyo
4	Kubaka ibigega	Komite y'ubudehe muri buri kagari					X				X				X		Utugari 5 tw'umurenge wa Gahunga	Abakozi

## **KUGARAGAZA URUHARE UMUSHINGA UZAGIRA**

### **ku bidukikije**

- Nta muturage wongera kwangiza Pariki y'ibirunga (PNV) yitwaza kujya gushakamo amazi
- Amazi yangiza ibidukikije (isuri) aturutse ku mazu ntacyangiriza ibidukikije
- Amazi yo ku bigega akoreshwa muri pepiniyeri z'ingemwe z'ibiti bibyara amashyamba n'imboga n'imbutu

### **Ku buringanire**

- Abagore bakora indi mirimo ibateza imbere kubera ko amazi abari hafi
- Abana b'abakobwa bariga, ntibakijya gushaka amazi kure
- Abagore n'abagabo bakorana kuri ibyo bigega bakahakura ibyabateza imbere

### **Kuri SIDA**

- Umushinga watanze akazi ku babana n'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA, bahakura icyabateza imbere
- Abagore n'abakobwa ntibagifatwa ku ngufu kubera ko batakigenda ijoro bajya gushaka amazi mw'ishyamba (ihohoterwa ryagabanutse)
- Abaturage bazi ububi bwa SIDA, nta kato ku babufite kubera ubukangurambaga

### **Ku rubyiruko**

- Urubyiruko rwabonye akazi
- Ingufu z'urubyiruko zirakoreshwa mu mirimo ibyara inyungu

### **Mu ngo**

Nta ndwara ziterwa n'isuku nke zikiboneka  
Intonganya zavuyeho zijyanye n'amazi  
Hambawe imyenda isukuye

## **UBURAMBE BW'UMUSHINGA**

- Hazaba amanama asobanurira abaturage ubwiza bw'umushinga bagejejweho
- Hashyizweho komite yo gukurikirana imikorere n'imikoreshereze y'ibigega by'amazi
- Hashyizweho amabwiriza ajyanye no gukoresha ibyo bigega
- Komite iterana buri kwezi isuzuma imikoreshereze y'ibyo bigega

## **INZITIZI**

Izamuka cy'ibiciro ku bikoreho by'ubwubatsi  
Ihinduka ry'ibihe (izuba cyangwa imvura nyinshi).

## IMBONERAHAMWE Y'AGACIRO K'IBIZAKENRWA

### URUHARE RWA NYIRI UMUSHINGA

N°	Ubwoko	Ingano	Agaciro ka kimwe	Agaciro ka byose
1.	Amabuye	Daihatsu 1	15 000	7 500 000
2.	Imyiko	20	1 500	30 000
3.	Amasuka	50	1 500	75 000
4.	Ipiki	50	1 500	75 000
5.	Ibitiyo	50	1 500	75 000
6.	Inshinge n'ubudodo		3 000	30 000
7.	Ibiringiti	3	1 000	200 000
8.	Abakozi (bahereza)	2	700	3 500 000
	<b>IGITERANYO</b>			<b>11 458 000</b>

### URUHARE RW'UMUTERANKUNGA

N°	Ubwoko	Ingano	Agaciro ka kimwe	Agaciro ka byose
1.	Isima	Imifuka 8	12 000	6 000 000
2.	Umusenyi muto	Imodoka ½	25 000	7 875 000
3.	Senyenge	4 m	3 500	5 000 000
4.	Ihema	1	1 500	1 500 000
5.	Gravier	1	12 000	3 750 000
6.	Imireko	1	20 000	6 000 000
7.	Umucanga munini	½	1 500	5 000 000
8.	Vanes	1	1 000	750 000
9.	Tuyau PVC ¾	1	3 000	500 000
10.	Robinet ¾	1	500	1 500 000
11.	Bouchon ¾	1	700	250 000
12.	Manchon ¾	1	1 000	350 000
13.	Ibase	1	15 000	500 000
14.	Ingorofani	1		1 500 000
15.	Abafundi	2	2 000/2500/j	10 000 000
16.	Akayungiro	¼	1 000	125 000
	<b>IGITERANYO</b>			<b>48 850 000</b>

Uruhare rwa nyiri umushinga + umuterankunga = 11 458 000 + 48 850 000 = **60 308 000 Frw**

AMAZINA Y' ABAGIZE ITSINDA RYATEGUYE UMUSHINGA W'IBIGEGA BY' AMAZI:  
UMURENGE WA GAHUNGA

1. NKUNDIZANYE Faustin
2. UWIMANA Bernard
3. MANIRIHO Joseph Ki- Zerbo
4. BABUREKUMWE François
5. NZAMUHIMANA Enos
6. NIYONSABA Laurence
7. AKOBAHORANYE Annonciata
8. HAKUZWEYEZU Aimable
9. MUTUYIMANA Mary